Me. MUKAGATETE BENITHA
Professional Court Bailiff
Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga
Tel : (+250)788953183
E-mail : benithamukagatete@gmail.com

INYANDIKO IMENYESHA IMIKIRIZEY'URUBANZA RP 00782/2026/TGI/GSBO KU MUBURANYI UBARIZWA AHATAZ WI

Umwaka wa 2026, ukwezi kwa 11 umunsi wa 4

Mbisabwe na MUSHIMIYIMANA Martha ASANTE

Jyewe Me MUKAGATETE Benitha, Umuhesha w'inkiko w'umwuga

Nshingiye ku rubanza RP 00782/2026/TGI/GSBO, rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, kuwa 21/10/2026, haburana Ubushinjacyaha na KABAGEMA Victoire mwene NGAYABASEKA Jean na KABAGEMA Immaculee wavutse 01/01/1993, avukira mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Gatsata, Akagari ka Nyamabuye, Umudugudu wa Agakomeye yabarizwaga mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Gatsata, Akagari ka Nyamugari, Umudugudu wa Ihuriro utitabye iburanisha, MUSHIMIYIMANA Martha ASANTE mwene BAGENZI Philipe na MUKAMUHUTU Nelia, wavutse ku wa 15/07/1967, utuye Arusha muri Tanzaniya, ufite ubwenegihugu bw'u Rwanda,

Ndemeza ko menyesheje KABAGEMA Victoire yabarizwaga mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Gatsata, Akagari ka Nyamugari, Umudugudu wa Ihuriro utitabye iburanisha, aho yaba ari hose imikirize y'urubanza rwavuzwe haruguru, kugirango atazitwaza ko atabimenyeshejwe nyujije iyi nyandiko imenyesha imikirize y'urubanza rwavuze harugu mu kinyamakuru igihe.com, aho Urukiko

Rwemeje ko ikirego cy'ubushinjacyaha gifite ishingiro
Rwemeje ko KABAGEMA Victoire ahamwa n'icyaha cyo gukoresha inyandiko mpimbano
Rwemeje ko KABAGEMA Victoire ahamwa n'icyaha cyo kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya
Rwemeje ko KABAGEMA Victoire ahanishwa igifungo cy'imyaka irindwi (7)
Rwemeje ko ikirego cya MUSHIMIYIMANA Martha ASANTE cyo kugaruza umutungo ubaruwe kuri UPI: No 1/02/09/01/32 gifite ishingiro
Rutegetse ko umutungo ubaruwe kuri UPI: No 1/02/09/01/32 uherereye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare, Umudugudu wa Ingenzi, ukurwa ma mazina ya KABAGEMA Victoire ukongera kwandikwa mu mazina ya MUSHIMIYIMANA Martha Asante
Rutegetse ko itambama (Caveat) ryashyizwe kuri uwo mutungo rikurwaho.
Rwemeje ko KABAGEMA Victoire agomba kwishyura MUSHIMIYIMANA Martha Asante indishyi z'akababaro zingana na 1.000.000frw n'amafaranga y'igihembo cya avoka angana na 500.000frw.
Rwemeje ko KABAGEMA Victoire agomba gusubiza MUSHIMIYIMANA Martha ASANTE amagarama y'urubanza angana na 20.000frw.
Nuko urubanza rwakijijwe kandi rusomewe mu ruhame none kuwa 21/10/2026

Me MUKAGATETE Benitha Umuhesha w'inkiko w'umwuga